## Table of Contents

1.NTA KURIRA ....................................................2
2. UBUNTU .......................................................2
3. NYOBORA ......................................................2
4. NTARINDI ZINA..............................................2
5. MURI WE .......................................................2
6. POWER OF LOVE ..........................................2
8. ISARURA. .......................................................3
9. MUKIZA. .........................................................3
10. IREMBO .......................................................3
11. IBYISHIMO. ..................................................3
12. SINZATINYA ..................................................4
13. UBUKWE.......................................................4
14. TURI ABAWE..............................................4
15AZAZA..........................................................4
16. AMATEKA MASHYA. ...................................4
17. ARAKWAKIRA ..............................................4
18. NDANYUZWE................................................5
19. ABAFITE YESU ..............................................5
20 NDAJE ...........................................................5
21. KARUVALI ....................................................5
22. UWITEKA ......................................................6
23. HOME ...........................................................6
24.AMAZINA ....................................................6
25.ABATWARE ..................................................6
26. TUNYUZWE ..................................................7
27. ARAGUSHAKA ..............................................7
28. NZAJYA.........................................................7
29. NZAKURIRIMBIRA ........................................7
30. OYA-OYA .....................................................8
31. MUKWE........................................................8
32. INTARE .........................................................8
33. KINGURIRA...................................................9
34. ABAKURAMBERE..........................................9
35. TURANYUNZE.............................................10
36.UMURYANGO WIMANA ............................10
37. IGITONDO ..................................................10
38. HARI BYINSHI. ...........................................10
39. ISABATO ....................................................11
40. ITURO ........................................................11
41. MUNZU YAWE............................................11
42. SINZONGERA. ............................................11
43. URUKUNDO................................................11
44. INKURUNZIZA.............................................12
45. NSHUTI MUKUNDWA. ................................12
46. HALLELUA...................................................12
47. NI NJYEWE UHORAHO. .............................12

48. YESU MUKUNZI WANJYE............................13

**1.NTA KURIRA**

**1**. Mbon' ururembo rwera Yerusaremu rumanuka rurimbishijwe nkuk'umugen rimbishirizwa umukwe.
**Refrain**: Niho abe(niho abe) Bazibe bazibera iteka Bishimye(bishimye) Barikumwe na Yesu, Bamuhimbaza bati uri Uwera uwogushimwa Iteka(.×2)
2. Azahanagura amarira yose ,kandi urupfu ntiruzabaho ukundi ,nta kurira nta kubabara tuzabaho dushima Yesu.(×2) Tumuhimbaza tuti uri Uwera uwo guhimwa iteka(×2).

**2. UBUNTU**

**1.** Nkiri kuire yawe nkiri umwanzi wawe waje unsanga maze uranyiyegereza, unyiye gereshej'ineza urwo ni urukundo rwawe.
**Refrain:**Ubuntu wangiriye nibw bumbeshejeho nabatuwe Ingoyi ubu ndi uw'Umudendezo(×2).
2. Naho nakumv'amajwi menshi yo kunsh'intege, navumbuy' ibanga rituma ntsind'umwanzi,ko ntanakimwe cyantanya n'urukun- do rwawe.
3. Sinjyewe uriho ni Yesu uba murinjye,naracuguwe ubu narakijijwe(×2).

**3. NYOBORA**

**1.** Nyobora inzira inzira yawe ntahera mu mwijima, (nisunz'amaboko yawe yesu ×2).

**Refrain**

Nyobora unyobore mfat'ukuboko unyobore niwowe umushumba mwiz'utayobya witaho intama zawe.

**2.** Ngutaye nkagusiga sinabasha kwigeza nagwa mu maboko ya satani.

**3.** Mana uri urukundo, udushakir'ibyiza, bitum'utwitahw' ibihe byose.

**4. NTARINDI ZINA**

Mwisi ndetse no mu ijuru hose!
**Refrain**: Ntarindi zina dukirizwamo Atari irya Yesu , Ntarindi zina Dukirizwamo nta rindi(×2).
1. Iryo zina rikomeye rinkomeza,mu ngorane,mu makuba siniheba.
2. Ni umwengeri utayobya intama ze, Ni umuvuzi w'imitima ishengutse.
3. Umwizera afite ubugingo buhoraho, Bumuha gutsind ibishuko by'umubisha.

**5. MURI WE**

**1. N**inde utazashim'Imana kubw'ubuntu bwayo bwinshi yaduhinduye abana bayo binyuze muri Yesu.
Arapfa : Turi muriwe ,Arazuka: Turi muriwe , Ubu yicaye: Iburyo bwase , Turi mur iwe mu mwuka.
**Refrain:**
Ntiyatekerejeko kubana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa,yara munutse yisanisha natwe kugira ngo aducungure.(×2).
2. Mugire wa mutima umwe wari muri we,mugire rwa rukundo nkuko yarutubwirije ,mwirinde kwirem'ibice mwirinde kwifta uko mutari, ahubwo muce bugufi.(×2).

**6. POWER OF LOVE**

1. Mana nj'iwawe mpindur'uyuy mutima Kuber'ubuntu utugirira, Mana namenye ko intege zanjye zizakurwaho zose n'imbaraga zawe.
**Refrain**: Reka nze mu rukundo rwawe nkomeza nshyira aho uriiiii, ntegereje kuguruka rwose Tuzazamukana kubw'urukundo rwawe n'umwuka wera.

2.Mpa maso abona nkubone rwose neza menye ko unkunda yuko tubana,mp'ubwenge bwiza,kuko uzi ibyanjye byose urukundo rwawe rurashoboye.

## 7. AMAHORO.

1. Amahoro y'umwami Imana atangwa nta kiguz'asabye, ushaka wese arayamuha kuko Yesu ari umunyambabazi.
**Refrain:** Amahoro y'umwami Mana abe muri twese ushaka wese arayamuha iyo abisabye
2. Niba ubabaye wagize ibyago tabaza Yesu aragutabara, imitwaro yawe yose yizane arayikwakir'uruhuke.
3. Inshuti nyinshi n'amafaranga ntabwo byaguh'ayo mahoro; Yesu wenyine niw'uyatanga ihute wakir'ayo mahoro.

**Refrain 2:** Uyafite ntacyo yikanga aba afite byose, ngwino nawe wiboner'ayo mahoro ku buntu, (muze namwe ……)

## 8. ISARURA.

**1.** Isarura ry'iyi si riregereje Yesu arahamagar'abasaruzi dor'imirima irez'ahantu hose nimuzan'imihoro musarure.
**Refrain:**Nimuze musarure muhunik'imiba mugire bwangu mwese nimuze tumukorere.
**2.** Uwo munsi utazabamo amarira uhora wegerej'uko bukeye imyaka yararitswe n'umuyaga mugire bwangu imvur'itarahanguka.
**3.** Urukundo ni nk'isokw'idakama ituruka ku Muremyi nirwo ruturarikira gukora rukadukomeza ntitugw'isari.

## 9. MUKIZA.

1. Uwiteka ndebesh'amaso yawe unyigish'ijambo ryawe, unyobore mu nzira zawe zose nzab'uwo wishimira.
**Refrain:** Mukiza nyobora mfasha nsind'ibishuko by'isi mukiza nyobora munzira yawe y'ukuri mb'uwaw'iteka ryose.
**2.** Mwami yesu ngwino mu bwoko bwawe twuzuz'urukundo rwawe, tubashishe gukundana by'ukuri tuzibere mw'ijuru.
**3.** Mwene data uri han'uyumunsi, hitam' umukiza Yesu yaragukunze kuva kera kose, musang'arakwakira.

## 10. IREMBO

**1.** Har'irembo ryuguruwe ryatumye nerekwa umusaraba wa kure Yesu yabambweho, iryo rembo ryuguruwe na Yesu umukiza dukwiye kurinyuramo.
**Refrain:** Ineza ye n'imbabazi byatumye ninjira nugururiwe n'Imana, ninjira mu munezer'utagir'uk'ungana; Iman'ihimbazwe.
**2.** Iryo rembo ryuguruwe ngo twese dukire ar'umukire n'ukmukene bose bakire; ukomeye n'uworoheje nawe arakira ni irembo ry'igitangaza.
**3.** Irembo riracyuguruwe nshuti twarana wikorer'umusaraba uzagororerwa ubwo Yesu azagororer'abihannye bose nshuti yanjy'uzab'urimo.

## 11. IBYISHIMO.

**1.** Mbeg'ibyishimo byinshi mbeg' umunezero mwinshi, tugeze mw'ijuru turi kumwe na Yesu n' ab amara-yika bera ducurang'inanga bizab'ari
ibirori bitigeze kubaho.
**Refrain:** Tuzaririmb.indirimbo zo kunesha dushimira Yesu amaraso yamennye, tuzibanira ubudatana, mw'ijuru oh ni heza pe.
**2.** Yesu azab'ar'umucyo nta joro rizabayo, iseg'izarishanya n'umwana w'intama ihene n'ingwe nabyo bizakinaa ni igihugu cyiza gitemb'amata n'ubuki.
**3.** Dor'igihe ni kigufi dukomez'urugendo vuba bidatinze tuzasohor'iwacu mureke Yesu gusa atwiyoborere azadutsindir'imitego yose y'umwanzi.

**12. SINZATINYA**

**1.** Uwiteka niwe mucyo wanjye, sinzakena ndikumwe nawe; andyamisha mu cyanya cyiza maze Yesu akanduhura nkab'uwo yishimira.
**Refrain:**Sinzatiny'ikibi cyose byiringiro by'umugisha, sinzatinya kukwizigira wowe mahor'adashira
**2.** Yesu niwe gakiza kacu nind'utabasha kugushima, nzirat'umusaraba wawe wabambweho i Gologota mpinduk'icyaremwe gishya
**3.** Mugenzi we ngwino kwa Yesu araguhamagara ngwino, akwerek'inzira y'ukuri nitwihana ibyaha byacu tuzabaho iteka ryose.

**13. UBUKWE**.

**1.** Ubukwe ni bwiza, burashimisha, buranezeza ni umuhango wera washyizweho n'Imana kuva muri Edeni.
**Refrain:** Ni igishushanyo cy'ubukwe bwera tuzataha, Yesu azaba ari umucyo twe turi abageni kur'uwo munsi.
**2.**Imana iti si byiza k'uyu aba wenyine imuha umufasha umukwiriye ngo bibanir'iteka kandi buzuzanye.
**3.** Uyu muryango mushya mwubats'uyu munsi ube ijuru rito, muzabon'imigisha iva k'Uwiteka mufashe n'abandi.

**14. TURI ABAWE**

**1.** Ni wowe watwiremeye Data niwowe watwicunguriye udukura mu ngoyi z'umwanzi turi abawe iteka.
**Refrain:** Tukuririmbir'indirimbo nziza cyane tugukorere nk'uko ubishaka Yesu utwiyoborere.
**2.** Twari dupfuye tuzize ibyaha ubwo twari imbata z'umubi udukura mu ngoyi z'umwanzi tur'abawe iteka.
**3.** Gukira no kunesha ni wowe nta wundi wari kubikora ibiremwa byawe twishimiye, agakiza twahawe.

**15AZAZA**

**Refrain**: Umukiza azaza kujyana abamwizeye bazaba baririmba Imana yabacunguye.
1.Ubwo twari dupfuye, tuzize ibyaha byacu Ubwe niwe witanze, yitwa icyaha kubwacu Natwe yaratuzuye ,turiho turi muri we Azaza ntazatinda ,tujyan'iwacu heza.
2.Hari ubwo njya nibaza, nti es'ubu muntu n'iki ,niki kok'ubu niki ,cyatumye umwitangira, Ereg'urukundo rwe, nirwo rwabimuteye, ineza ye itangaje, niyo atwiyegeresha.
3. Twishimiye agakiza, twahawe kubuntu bwe,Ubu turi abageni, b'igikomangoma Yesu,Twese turi abageni ,twakowe amaraso ye twiteguy'ibirori, by'igikomangoma Yesu.

**16. AMATEKA MASHYA.**

1. (**Kera** nkir'umuntu wa kera)*2, (Nisanze mu mateka mashya )*2, (Mbona agakiza kubuntu)*2, (Ayo mateka si ayuwundi)*2, (Ni ay'uwankunze ntarabaho)*2, (Nisanze murukundo rwe )*2, (Nisanze mu gakiza ke)*2
**Refrain:** Niwe umukiza (niweBS), Niwe nkesha gukiranuka, Niwe unyitaho musange araguha amahoro kuko niwe Umuremyi
2.Ms:(Mbese nind'urimbishuburabyo, akamenyer' inyoni ifunguro)
Gs:(Nind' ufatiy'amasi mukirere, uwo niwe byiringiro dufite kuko niwe)
All:Wabiremye
3. (Ubwo niboney'amahoro)*2,(Nyabonye mu mukiza wanjye)*2, (Ati nzagaruka mbajyane)*2, (Imibabaro n'imiruho)*2, (Ntabwo byantanya n' umukunzi)*2, (Kuko yamboney' ubugingo)*2.

**17. ARAKWAKIRA**

1. Nshuti mukundwa , Yesu aragushaka , ngo mube inshuti, ubudatandukana.
Refrain: Ngino uko uri kose ,n'amafuti yawe yose, arakwakira akubere inshuti.
2. N'inshuti nyanshuti , itabura kuboneka, mu byago n'amakuba ahora akwitayeho.

3. wizuyaza ngwino, aragutegereje, ahora yiteguye kwakira umugana.

**18. NDANYUZWE**

1.Nejejwe nuko ndi umwe na yesu yangize uwe ndanyuzwe ibyo ankorera abimpa ku buntu nshimishwa no kuba uwe yampaye amahoro mu mutima ndanyuzwe

2. Mfite icyo mvuga kubyo agakiza naboneye muri yanyishyuriye byose ku buntu muriwe mba mushya muriwe twicaranye mu ijuru ndanyuzwe

3. Kwitwa mwenese nkaba murugo nibyo bimpa amahoro sinashobora kwiyumanganya ngo mpishe ibyo iyo nkuru muriwe mfite imigisha yose ndanyuzwe

**Refrain**: kubwe mfite amahoro adasanzwe yampindukiye gukiranuka nyakuri simbasha kwiyumanganya ngo nceceke kuko yambaye amahoro ye ndanyuzwe

**19. ABAFITE YESU**

1. Ubuzima bwo kuri iyisi buragoooye, burangwa n'amarira menshi ndetse n'agahinda, uririra abapfa nyuma y'igihe gito nawe ukaririrwa urupfu ntirugire icyo rwunguka mbega imbaraga zirimo ubugome, ndagaruka nkibaza mumutima abadatinya urupfu babikuyehe ko iyo urupfu rukomye umurindi benshi tugira ubwoba **Bamwe**: bareba imiryango basiga, **Abandi:** bakareba imitungo basiga nyamara ni bake cyane bareba nyuma y'urupfu
2. Uh oh umusaza Simiyoni ahabwa isezerano oh oh ko atazapfa atarabona umucunguzi

Umwuka amujyana murusengero ahura na yesu aramwakira urupfu ntiyaba akirutinya ah ah ashima Imana avuga ati:

Mwami Mana noneho sezerera umugaragu wawe amahoro kuko mbonye agakiza gaturuka iwawe
Natwe Mana muri iki gihe nizo mbaraga dukeneye kugirango tubashe kunesha umwanzi ugushuka.

**Refrain**: Abafite yesu ntibagira ubwoba bw'urupfu bafite ubwishingizi buhoraho mu maraso ye, **ntabwo** bagira ubwoba, **bw'ibyo** babonye byose, ahubwo barahumurizanya bagakomera.

**20.NDAJE**

**Refrain:** Ndaje Mwami nteze ugutwi numve icyo uvuga kandi numvire, Amategeko n'amateka byawe byambereye umudendezo

**1.**Ni nyuma y'igihe kinini ndaragiranira muri iyisi mbi, nakoze ibyangwa n'amaso yawe none ndarambiwe ndagarutse. *Ijambo ryawe rinyemeza ko ndi umunyabyaha nanjye nkabyibonaho nkumva ndizinutswe, ndetse ubutagondwa nciye bugufi ndiyemeje eh eh nzanye ibyaha byanjye ndakwinginze unyakire*

**2.**Mana kubwo imbabazi zawe nyinshi usibanganye ibicumuro byanjye, unyejeshe ezobu ndera unyumvishe umunezero wawe. *Nsubizamo kunezezwa n'agakiza kawe unkomereshe umutima wemera ibyaha byanjye nibwo nzabwira abantu iby'agakiza kawe eh eh kuva none ukageza iteka ryose Amen,*
Amen Amen Amen
Amen Amen Amen

**21. KARUVALI**

**1.** Bs: Iyisi turimo Sp: Ntagihe tuyifitemo Bs: Kuko ibyahanuwe Sp: byose byarasohoye eh eh Ts: Igisigaye nuko tuyihunga kuko igiye gushya turi hagati mu ishyambariri gushya turahungirahe reka twigire ahabanje gushya ntbwo hazashya kabiri

**2.**Bs: Guhungira ikaruvali Sp: ntabwo ari ukujya I Yerusalemu Bs: Guhungira ikaruvali Sp: Ni ukwakira yesu mumutima ah ah
Ts: Agahindura imico yawe ingeso zikaba nziza, ugatinya icyaha n'igisa nacyo ukagira urukundo, maze vubaha bidatinze tukitahira ntashiti
.
**Refrain:** Karuvali agasozi kahiye, umujinya w'Imana niwo wagatwitse eheh. Nimuze duhungire twese kugasozi Karuvali maze ubwo iyisi igiye gushya ntabwo kazashya kabiri.

**22. UWITEKA**

1. Uwiteka naguhwanya nande ko ntawe muhwanye muri iyisi iyo mfite ibibazo byinshi ndasenga maze ukampumuriza

2. uri Imana nziza y'urukundo kandi ugirira n'impuhwe abantu usubiza abagutakambiye maze ukabakiza umubabaro

3. Yewe muntu utazi uwiteka ndakwinginze ngo umugire inshuti kuko atazagutererana haba mubyago no mumakubaba

**Refrain:** Uwiteka ninde wagira urukundo nkawe wowe wemeye kuduha Yesu akadupfira kumusaraba w'isoni kugirango tubone ubugingo.

**23. HOME**

Righteous Lamb of God, Morning sign of hope, Smile to all depressed Strength to slaving slave, We rely on you.You said you are going home, To make a dwelling place, What a comforting place,I can't wait to fly Flying going home.

**Chorus**

Is heaven for real? Yes
Heaven's for real oh oh
Heaven is for real
We are going home
(Heaven's for real we are going home
Lean and on the promise that our Jesus made.
God is unable to lie and never will lean on
The promise that our Jesus made.

2. I'll see my intimates in New Jerusalem the palace made for me and you for eternity come we are going home. Tears will be no more
the death will die that day
joy will overflow, with Jesus face to face
By and By with God.

**24.AMAZINA**

1.Iyo nsomye bibiliya nibindi bitabo nsanga mw'amazina y'abantu ntabona, natekereza y'uko babayeho nkatwe, nkagira agahinda nkumva nzinutswe iyisi.

**Refrain** : Muhumure benedata, kuko Yesu agiye kuza, ahamagare abera bose bakava mubituro, tukitahira iwacu aho gutana kutaba.

2.Adam na Eva, Metusela na Nowa, Aristote, Pytagore na Louis Paster, umunyabwenge Salomo, nshuti y'Imana Aburahamu n'ibindi byamamare bose ntibakibonwa.

3.Mwisi turama igihe gito cy'amaganya no kutanyurwa, bamwe baba ibyamamare bakamenywa kw'isi, nyamara amaherezo barapfa bakibagirana, abandi bakibukwa amazina gusa.

**25.ABATWARE**

1. Niki twakwitura umukiza yesu, urukundo agira yarudukunze kera ha kuko yaradufite mubitekerezo bye, isi itararemwa yaradutoye, (niyo mpamvu yatwiremeye mwishusho ye ngo tube abatware)*3 hehehe heeeeeeeeee,

**Refrain** : turabana b'Ihoraho muze twishime, Yesu yatuguze amaraso y'igiciro cyinshi, ngo tumubere abambassaderi m w'isi ya none (tudafite he hehehe umugayo )*2

2. SP. **Nicyo gituma** TOUS: dukwiye kwita haaa SP: **kugakiza** TOUS: gakomeye twahawe SP: **tugakoresha** TOUS: za mpano zamwuka ha (tukamugarurira intama nyinshi zazimiye)*2 (niyo mpamvu yatwiremeye mw'ishusho ye ngo tube abatware)*3 hehehe heeeeeeeeee

**26. TUNYUZWE**

1. Ntawaruzi ubwigunge narindimo nakababaro nageragezaga guhisha narasekaga nkibwira ko ntacyombaye ntagufite nari nitwikiriye amarira nari nararize nkiyumanganya nuo umuntu umwe ambira ibyubuntu bwawe nibyurukundo werekaniye kumusozi witwa kalvari aho wapfiriye ukandonkera agakiza kiteka igihe wantsindiraga ukangira uwumudendezo

**Refrain** : Tunyuzwe n'urukundo udukunda tunyuzwe nuburyo utwitaho mumaraso yawe yigiciro tubonera mwimbabazi ibyaha byacu bigakurwaho

2: N'iby'ukuri nakugomeye iminsi myinshi, Mana nivuruguse mu bibi igihe kinini, ariko namenye ibyurukundo rwawe ruruta kure intege nke zanjye menya ibyugutwi kwawe uwiteka guhora kwiteguye kunyumva ntawigeze anyitaho kwisi nkawe yesu ntanshuti zamba hafi nkawe uhimbazwe niyo mpamvu nta bwoba mfite bw'ibibi bizaba kuri njye kuko nziko uzambera byose nzakenera.

**27. ARAGUSHAKA**

1. Wowe urushye ngwino kwa yesu none ngwino akumurirkishirize mumaso akugirire neza itaba uyumunsi maze usange umukiza aragusha kd aragukunda kuba miriwe niyo soko yamahoro

Refrain : itaba yesu arahamgara arasha umutima wawe ngo akumurikire umwikoreze ibikurushya byose numugwa neza kd yoroheje mumutima icyo ashaka nuko wakwiga kugira ingeso ukamuhesha icyubahiro mubatuye iyisi nawe akaza kubahira imbere y'Imana Data nabamarayika kuri wamunsi wimperuka.

2. Abantu twese twavukiye mucyaha kd niwo mutwaro dufite uturemereye muri ububuzima turarushye kd keneye yesu gusa tursgushaka mwami uturuhure kuko imbaraga iva muriwowe ishobora byose
3. Abatuye kure no kumpera zisi nimuhuguke muboneke imbere y'Uwiteka maze mukizwe kuko igihe cyiraje kd kirasohoye ubwami bwe bukimikwa kwiyisi abayituye bakagororerwa ibyo bakoze.

**28. NZAJYA**

1. Tegera ugutwi kumva neza hari jwi riguhamagara iryo jwi n'iry'Umwami Yesu ushaka ko uhaguruka ukajya k'umurimooo ooh, ni kuki wibereye mur'ibyo nshuti yanjye itaba Yesu araguhamagara

**REFRAIN** : Nzajya aho unshakira hose ari mu misozi no mu bibaya nzategera ugutwi kwanjye kumva icy'umbwira maze ngikore Yesu nzakumva

2. Abantu benshi barahuze bahugiye mubirangaza n'ibishuko by'umwanzi ateza ashaka abo yazisasira ni kuki wibereye mur'ibyo nshuti yanjye itaba Yesu araguhamagara

3. Umuryango w'Imana icyo twiyemeje n'ukujyana ubutumwa bwiza ku batarabumenya dutebutsa kugaruka kwa yesu.

**Refrain** : nzakuririmbira indirimbo nshya sinzahwema kuvuga ishimwe ryawe nzakwamamaza no mubatakuzi bamenye ko ntawuhwanye nawe

1. Uwiteka nigitare cyanjye nigihome cyanjye uwo niwe gakiza kanjye ningabo inkingira imiraba yumwanzi yari ngose nambaza uwiteka ntiyatinda no kusubiza yumvira ijwi ryanjye

2. Uwiteka ni amahoro yanjye ni ibyishimo byanjye niwe mbonera mo imbabazi zibyaha nakoze burigihe iyo ndikumwe nawe ntakintera ubwoba kuko ibyo nitaga ibibazo biba ibisubizo
3. Hahirwa abafite uwiteka ho umutabazi wabo abakitondera amategeko ye azabakingira niwe mugabo wabapfakazi niwe se wimpfubyi arahura abafite intimba bagashima izina rye

**30. OYA-OYA**

1. Harubwo njya ndeba uburyo tubaho nkibaza impamvu yabyo nabatubanjirije nabo ngo niko byahoze nose ubu turajya he amaherezo nayahe

   **REFRAIN1** : oya –oya oya hari ibyiringiro reka guhangayika kubyububuzima dore umucunguzi aje kudukiza aduhanagure amarira yose
2. Umuntu akavunikira ibya mubeshaho yajya kubishyikira bikamuca muntoki cyangwa se yababigezeho agahita abisiga njyewe ibindabirambiwe mbese biza jyeza ryari.
3. Ngaho rero twisuzume dore umukiza yesu ajyiye kugaruka azazaningororano zimirimo twakoze ngaho ihane ibyaha byawe imbabazi zikiriho

   **REFRAIN2** mbegumunezero tugiye kugira imiruho yisi tuyite burundu maze twibanire iteka mubyishimo ndagusabira kuzaba aho heza(ngaho ihane ibyaha byawe imbabazi zikiriho)

**31. MUKWE**

1. muriyisi turavuka tukabaho tugakurira mumiryango dukomokamo nyamara igihe cyira sohora yamiryango yacu tukayisiga

   **REFRAIN** : Mukwe hindukira urebe umugeni wawe ntimukiri babiri ahubwo muri umwe umuryango wimana tubifurije kugira ishya nihirwe murugo rwanyu.
2. Imana iti sibyiza kuyu abawenyine reka muremere umufasha umukwiriye babane akaramata murugo rwabo bajye banyumvira kandi buzuzanye
3. Ngaho irebere uko u ukwe numugeni bambaye nubwitonzi bafaite buhera nije niko natwe tuzamera turi mwijuru yesu ariwe mukwe natwe turabageni

**32. INTARE**

1. Yohana yari kirwa ki patimos kumunsi wuhoraho aba mumwuka ahishurirwa byinshi kubyendaga

kubaho yabonye igitabo gifatanyishijwe ibimenyetso bikomeye birindwi abari mwijuru nabari mwiyisi habura numwe wo kugifatanura

**REFRAIN** : (ariko) Intare yo mumuryango wayuda yaranesheje allelua niwe wakoze ibyananiye abandi bose none numwami wabami niwe utwara abatware bo munsi yijuru kandi natwe yadukoreye ibikomeye kubwamaraso ye twejejwe ho ibyaha yesu nahabwe icyubahiro.

2. Yesaya umuhanuzi yahishuriwe ukuboko kuhoraho maze abwira ababari batuye ibuyuda kobarihafi kubona umucunguzi,yabonnye umugabo uciye bugufi ufite intimba nyinshi mumtima abari mwiyisi bamukoza isoni baramushinyagurira ariko arihangana.
3. Daniel umuhanuzi yari mumahanga kure yiwabo maze ababari kuntebe yuzubwami bamwangira ko asenga Imana yo mwijuru maze bamushyira murwobo rw'intare kugira ngo apfe ato ngeye gusenga ariko izo ntare ntizamukora ho Yesu azifata iminwa ziramutinya zose.

**33. KINGURIRA**

1. Sinkwiye kwiheba ngo mvugeko ubuzima ubucitse Mfite isezerano nahawe numukunzi unyitahoYambwiyeko nimutabaza azantabara Kandi ko isezerano rye naho rya tinda ridahera Najye ndamwiringiye kuko ariwe wankiza ndamwihaye.

**REFRAIN** : Kingurira Yesu umutima wawe Mubwire ibyawe byose uko bingana Nawe yiteguye kukubera byose Numwiringira

2. Ndibuka Daniel murwobo rwintare waramutabaye yesu kuko yakwiringiye Hana arira cyane asaba umwana Waramumuhaye Yesu kuko yakwizeraga Nawe nshuti ntiwihebe ibyawe byose irabizi yihe umutima wawe abe ariwe uwugenga
3. Mwiringire ahora akwitayeho yagupfiriye nshuti nguzabeho yesu ararizwa nibikorwa byawe kuki umubabaza nshuti mukingurire umutima wawe eh.

**34. ABAKURAMBERE**

1. hari icyatumye abakurambere baba intwari ni uko bizeye ijambo ryawe ryiza, mwuka wera yababereye umuyobozi batsinda urugamba batangiye; batewe amabuye babambwa ku biti abandi bajugunywa mu itanura, ariko ntawigeze yihakana inyigisho n' izina rya yesu bapfuye bizeye ko bazabona ubugingo buhoraho.

**Refrain;**

Bahombye byose kubwo gukunda yesu we butunzi butagira akagerooo ooh ntibapfuye ahubwo barasinziriye babikiwe ubugingo buhoraho.

2. Bageze ikirenge mucyo uwo bamenye yesu rufatiro rwo kwizera kwabo,

batubereye urugero rutuyobora mu nzira ikomeye banyuzemo, mu isi yumwijima, ibigeragezo n'ibihe bibi bidutegereje, nitwambara intwaro zo kwizera tuzanesha nk'abakurambere bapfuye bizeye ko bazabona ubugingo buhoraho.

**35. TURANYUNZE.**
**1. soplano**: ntawari uzi ubwigunge

**twese:** nari ndimo

**soplano:** nakababaro nageragezaga

**twese:** …..ga guhisha

**soplano**: narasekagankibwirako ntacyo mbaye ntagufite nari nitwikiriye amarira nari nararize nkiyumanganya nuko umuntu umwe ambwira ibyo Ubuntu bwawe.

**Twese:** nibyo urukundo werekaniye kumusozi witwa kaluvari

**Soplano**: aho wamviriye ukandonkera agakiza kiteka

**Twese**: igihe watsindiraga ukangira uwo umudendezo.

**Refrain;**

Tunyuzwe nurukundo udukunda tunyuzwe nuburyo utwitaho, mu maraso yawe yigiciro tuboneramo imbaraga ibyaha byacu bigakurwaho.

2. nibyo ukuri nakugomeye, minsi myinshi. Mana nivuruguse mu bibi, igihe kinini, ariko namenye ibyo urukundo rwawe ruruta kure intege nke zanjye menye ibyo ugutwi kwawe uwitwka guhora kwiteguye kunyumva, ntawigeze anyitaho ku isis nkawe yesu, nta nshuti izamba hafi nkawe, uhimbazwe, niyo mpamvu ntabwoba mfite bw'ibibi bizaba kuri njye kuko nziko uzmbera byose nzakenera.

**36.UMURYANGO WIMANA**
**1.** ntegera ugutwi kumva neza hari ijwi ruhamagara iryo jwi ni iryo umwami yesu ushaka ko uhaguruka ukajya kumurimo ni kuki wibereye mu ribyo nshuti yanjye itaba yesu araguhamagara.

**Refrain;**

Nzajya aho unshakira hose ari mu misozi no mu bibaya nzategera ugutwi kwanjye kumve icyo umbwira maze ngikore (yesu) nzakumva.

2. abantu benshi barahuze bahugiye mu birangaza nibishuko byumwanzi ateza ashaka abo yazisasira ni kuki wibereye muri ibyo nshuti yanjye, itaba yesu araguhamagara.

3. umuryango w'imana icyo twiyemeje ni ukujyana ubutumwa bwiza kubatarabumenya dutebyutsa kugaruka kwa yesu.

**37. IGITONDO**
1. Cya gitondo kitazibagirana ubwo 8umwana w'umuntu yazukaga mubapfuye, azahura Adam ndetse n'urubyaro rwe agakiza kumuntu kabonerwa muri yesu.

**Refrain:**Umutima wari ukunze umubiri wanga, yesu ati data bibe uko ushaka, kare kare marayika akingura cya gituro yesu asohoka anesheje ajya kudutegurira aho tuzabana nawe ngo ari natwe tuzabeyo

2. mu gashyamba asenga satani yamweretse ishusho yibyari bigiye kumubaho byose gucirwa mu maso kwihakanwa nabe, gupfa ashijwa ibyaha kandi ari umuziranenge.

**38. HARI BYINSHI.**
1. Hari byinshi ujya wibaza mu buzima rimwe na rimwe ntubone ibisubizo ukumva yuko hari ibidashoboka kandi bitabaho bikagutera gutuma ushidikanya iberekeranye no kuremwa kwacu ndetse no gucumgurwa kumunyabyaha nukuri nimpamo.

**Refrain:** kubwo uwo nabonye ibya byose byisi kubyo ubutunzi butagira akagero aribwo kuronka umukiza wankunze akanyitangira naho twebwe iwacu ni mu ijuru heza niba twemera

yesu nkumucunguzi tukamukingirira imitima yacu akayiyobora.

2. mu mbaraga za kimuntu ntibyababaho kwizera ikintu utazi kandi utabona ariko imbaraga y' imana igusanze nta gushidikanya wizera ibyo ijambo ry'Imana rivuga ugatangira kubibwira n' abandi imico yawe n'ukuri igahinduka ukaba muzima.

**39. ISABATO**
1. Iyo ntekereje uburyo naremwe nacumura Yesu akaza kuncungura binkumbuza umunsi wera w'isabato imana yejeje ikawuha umugisha.

**Refrain:** Mbega ibyishimo bitagerwa kwegerezw' intebe y'Imana kuri uwo munsi (SOP: Duhishurirwa urukundo no gukomera kuwo mwami) waremye byose akanaducumgura.

2. Uwo munsi sinishimira gusa kuruhuka imirimo yo muri iyi'isi ahubwo amahoro Yesu atanga uwo munsi antera ibyishimo ngakumbura ijuru.

3. Abateraniye hamwuw munsi baryoherwa na manu yo ku isabato yera idutungira umubiri n'ubugingo ijambo ry' imana niyo manu yera.

**40. ITURO**
1. Hari uwari uhagaze imbere ya Yesu ababajwe nuko ntaturo yari afite rihagije n'agahinda kenshi umutima umenetse ituro rito yari afite aritura uwiteka,

Refrain: Tumuture ituro ry'ishimwe tumushimire ibyo adukorera, ibyacu byose niwe wabiduhaye kandi ashatse yabyisubiza, icyo akeneye ni umutima wawe ukawumuha akakwiyoborera **X2.**

2. Nubwo ryari rito ma maso y'abantu, umunyampuhwe Yesu yarishimye biruseho, kuko abandi bari batuye ibibasagutse ariko we yaritanze nibyo yar' afite.

Gusoza: ntacyo twazanye mu isi ntacyo tuzayikuramo ibyo dufit byose twabihawe n'uwiteka.

**41. MUNZU YAWE**
1. Ndashaka kwibera iwawe mwami mwiza cyane kuko mbona kuba mu isi ntamumaro namba mporana umubabaro n'agahinda kenshi cyane ariko iwawe hahora umunezero.

Refrain: (soplano: Mwami) kuba mu nzu yawe n'ibura umunsi umwe; bindutira iminsi igihumbi ndahandi; nakunda kwibera k'umuryango w'inzu y'imana yanjye bindutira kuba mu mahema y'abanyabyaha.

2. Mu mahema yawe mana ni heza cyane rwose ndahatekereza mu mutima nkahakumbura ndifuza kuzaririmbana n'abera bose mu gitaramo kizabera mu ijuru.

**42. SINZONGERA.**
1. Sinzongera kukubabaza, sinzongera gusubira mu byaha namenyeko umwami w'abami yababajwe ngo mbone ubugingo; ndibuka ageze gitsemani abira ibyuya byamaraso ashavujwe n'ibyaha by' ab'isi.

**Refrain:** Yemeye gupfa kumusaraba, akubitwa natwe yiremeye, intimba y'ibyaha byanjye nawe n'ukuri Yesu yabyishyizeho.

2. Isacyenda Yesu aratanga ku munsi wa gatatu arazuka itsinzi y'umuntu iraboneka mumfashe dushime umwami Yesu.

3. wuuuuuuuu!!!; wuuuuuu,uuu, uuu, wuuuuu, wuuuu,uuu,uuuuuuu.,x2.

**43. URUKUNDO**
1. Urukundo Imana ifitiye umuntu rusumbu urwo umubyeyi agirira umwana we yabyaye akanamukuza, akamwitaho ngo azaba umugabo, anezezwa no kubona akuze amwumvira bikamutera ishema akishima ariko ntiyabasha

kumutangaho igitambo ngo apfire umunyabyaha yihane.

**Refrain:** (soplano: nukuri) dushime Imana itimanye umwana wayo, (soplano: ikamwikoreza imitwaro yaba) tuy'iy'isi mbeg' urukundo rutarondorwa (x2).

2. Zampuhwe zisumba izo abatubyara zatumye yesu yigira umuntu asiga ubwiza n'ikuzo ryo mu ijuru aza mu isi itagira icyo yitaho, imibabaro yose yo muri ubu buzima yayimyuzemo atanduranyije, yagaragaje imico mbonera yuwamutumye ngo apfire umunyabyaha yihane.

**44. INKURUNZIZA.**
1. Turavuga inkuru nziza ku barushye baremerewe hariho umwami udakunda utwitaho ibihe byose.

**Refrain:** Yaramanutse aza mu isi azanywe no kudupfira amaraso ye yavuye niyo yeza ibyaha byacu.

2. Ujya ubabara nshuti, ukagira agahinda kenshi inshuti zikaguhana ariko we nta guhana.

3.Niba ufite agahinda hariho umwami agukunda uwo ni yesu mukiza ni nawe watwitangiye.

**45. NSHUTI MUKUNDWA.**
1. Nshuti mukundwa Yesu aragushaka ngo mubere inshuti ubudatandukana.

Refrain:(soplano: cyo ngwino), ngwino uko uri kose namafuti yawe yose arakwakira, akubere inshuti.

2. Ni inshuti nyanshuti itabura kuboneka mu byago namakuba ahora atwitayeho.

3. Wizuyaza ngwino, aragutegereje ahora yiteguye kwakira umugana.

**46. HALLELUA.**
1. Yesu mwami w'abami, yahozeho mbere na mbere arema isi nibiyuzuye nabayituye bose,(soplano: bose bose), maze aritegereza abona abantu be yaremye bazarimbuka nuko aba umuntu abana natwe, twitegereze ubwiza bw'umwana w'ikinege w'uzuye Ubuntu n'ukuri(base: nukuri,nukuri).

**Refrain:** Shimwa Yesu haleluya. Shimwa Yesu haleluya, shimwa yesu haleluya, shimwa YESU halelu, halelu, haleluya! Haleluya, halelu halelu, haleluyaaaaaa!!!!!, (x2)

2. yaje mu isi niwe wayiremye nyamara abo yaremye ntibamumenya yaje mube ntibamwemera baramutererana, maze bajya inama yo baramufata bamubamba ku giti arapfa arazuka, agakiza karaboneka, amaraso ye yeza abemeye kumugana akabahesha ubugingo.(bwiteka, bwiteka).

**47. NI NJYEWE UHORAHO.**
**Refrain**: Ni njyewe uhoraho, ni njyewe ukomeye, ni njyewe ukiranuka, ni njyewe yehova, ni njyewe ubivuze,(x2).

1.Njye ubwanjye narimo nitemberera (soplano: tembereraaa) nitegereza ibyo naremye byose mbona abantu bameze nkamagufa nayo, atigezeho umubiri, ndategeka ati ngaho nimubeho, agakiza kanjye ubu ni itegeko, sinteze na rimwe kwisubiraho, nshyizeho ikimenyetso kibihamya.

2.Umuntu ndamukunda nzamukiza, nibirimba nzanamugwa ninyuma, njyewe ubwange nzimanukira mukize, nuzuze isezerano rikomeye, nohereze umwana wanjye amukize, shyireho iherezo ry'icyaha burundu, nerekane gukiranuka kwanjye, Ubuntu n'urukundo bikomeye.

**48. YESU MUKUNZI WANJYE**

1. Njye nshimishwa nuko mfit'Imana nk'umukunzi wanjye; ngashimishwa n'uko yanyiyegeresheje ineza yee!!, akambundikira munsi y'amababa ye!, nkibere mu mutuzo aho ntahungabanywa n'imiraba y'iy'isi iri mu mwijima.

**Refrain:** Yesu mukunzi wanjye muriwe niboneye uburuhukiro amarira n'agahinda bishirira muri we, kunyura no gucungurwa mbibonera mu ijambo rye.

2. Mu kundema kwe twari isanga n'ingoyi mu gucumura kwanjye turatana ariko murukundo rwe rwinshi yishyiraho ingaruka z'ubugome bwanjye; wa musaraba mu mva yagirango akureho urwango njye nawe twongere twibere abakunzi.